**ABAKOZI B'ICAPIRO**
**LIKURU LY'IGIHUGU**
**KIGALI**

Kigali, le 25/05/1999

**IMPAMVU** : Imperekeza y'abakozi
Bakoreraga I.N.R.

A traiter par ..........
Date entrée : 27/05/99
N° Classement : 829

Nyakubahwa Minisitiri
w'Intebe
KIGALI

Nyakubahwa,

Tunejejwe no kubandikira ngo tubagezeho ibitekerezo by'abahoze bakorera Icapiro rikuru ry'u Rwanda, ku mishyikirano bagirana na leta :

## 1. IKIZERE CY'ABAKOZI KURI GOUVERNEMENT

Abahoze ari abakozi ba I.N.R. dufitiye icyizere leta yacu kubibazo by'imperekeza, dusanga ko dukurikije imishyikirano twagiranye namwe Nyakubahwa kuwa 16/10/1998. Uko mwakiriye neza ibitekerezo byacu mukaduha n'intumwa ya gouvernement ariyo Minisitiri w'Imali n'igena migambi ku turangiliza ikibazo, ndetse mwongeraho ko nibimunanira, tuzagaruka tukavugana namwe. Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, byaduhaye icyizere cyinshi cyane kuri gouvernement.

## 2. IMPUNGENGE Z'ABAKOZI

a) Nyuma, imishyikirano yaratangiye iyoborwa na Minisitiri w'Imarin'igena migambi ubwe, kuwa 26/10/1998 ndetse havamo numwanzuro mwiza wo gukomeza gushyikirana, kuwa 13/03/1999 imishyikirano yabaye hagati y'intumwa za gouvernement, hamwe nizabakozi, intumwa za gouvernement ziyobowe na Minisitiri ubwe batwemereye ko bagiye kuduha amafaranga y'amezi atandatu by'agateganyo, hakaba hategurwa inyandiko izadushyikirizwa vuba, twarategereje amaso ahera mukirere.

b) Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, dukurikije icyemezo cy'inama y'abaminisitiri yateranye kuwa 14/05/1999. Turibaza niba hadateganijwe kuburizamo ibyemezo byose gouvernement n'abakozi ba I.N.R. bemeranijweho mu mishyikirano yose bagiranye, kandi bari intumwa za gouvernement. Ubwanyu mwaduhaye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe umunsi tubonana.

## 3. IBYIFUZO BY'ABAKOZI BA I.N.R.

Abakozi ba I.N.R. barasaba leta kubarangiriza ikibazo burundu idategereje ibyemezo kubindi bigo bizagurishwa nkuko byavugwaga mumishyikirano yabaga hagati ya leta n'abakozi.

## 4. AHO IMPEREKEZA DUSABA YAVA

Turasanga uburyo bwo kutugenera imperekeza bworoshye cyane, leta itagombye gufata ku ingengo y'imali yayo kuko itigeze inabiteganya ku ngengo ya 1999. Kandi Imprimerie Nationale ifite umutungo uhagije muri stock, uwo mutungo , ukaba ufite agaciro kangana 99.100.535 FRW. Tubona imperekeza yacu yava hariya. Nkuko twabibandikiye kuwa 08/10/1998.

## 5. UMWANZURO.

Nyakubahwa Minisitiri w'intebe twongeye kubagaragariza ubushake dufite bwo gukemura icyo kibazo burundu, mumishyikirano yasozwa mu minsi yavuba. Cyane ko nta mategeko agisobanura dufite u Rwanda rugenderaho muli ikigihe.

Mugihe tugitegereje igisubizo cyanyu cyiza tubaye tubashimiye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe.

Intumwa z'abakozi ba I.N.R :

Vincent MUTABAZI

Carine GATARAYIHA

Jean Bosco NIYONZIMA

**BIMENYESHEJE :**

- Nyakubahwa Perezida wa Repabulika
  Kigali
- Nyakubahwa Vice-Perezida wa Repabulika
  Akaba na Minisitiri w'Ingabo n'Ubusugire bw'Igihugu
  Kigali.
- Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga amategeko y'uRwanda..
  Kigali
- Bwana Minisitiri w'Imali n'Igena m'Igambi
  Kigali.
- Bwana Minisitiri muli Perezidansi.
  Kigali.

- Bwana Minisitiri muli Perezidansi ushinzwe Imikoranire Y'inzego za leta nizindi. Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ubuhinzi n'ubworozi Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ingufu amazi n'umutungo kamere Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda nubukerarugendo Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bwigihugu Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Umutekano mugihugu Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Uburezi Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Imirimoya leta, n'itumanaho gutwara abantu n'ibintu Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ubutaka, gutuza abantu no kurengera ibidukikije Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ubutabera Kigali.
- Bwana Minisitiriw'Abakozi ba leta n'umurimo Kigali.
- Madame Minisitiriw'Iterambere ry'abanyarwandakazi Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Imibereho myiza y'abaturage Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, umuco na siporo Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ihugurwa rusange n'imenyekanisha ry'amakuru Kigali.
- Bwana Minisitiri w'Ubuzima Kigali.
- Bwana Munyamabanga mukuru wa CESTRAR.

**Ambassade de France au Rwanda**
**Service de Coopération et d'Action Humanitaire**

## Centre Culturel Français

**Le Directeur**

Kigali, le 27 mai 1999

Monsieur le Secrétaire Général
au Ministère de la Jeunesse, des Sports
et de la Culture

à KIGALI

**n° 048/99/dd**

A traiter par ..............
Date entrée : 28/06/99
N° Classement : 846/21

Monsieur le Secrétaire Général,

Je tenais par la présente correspondance à vous remercier du long entretien que vous avez bien voulu m'accorder le mardi 25 mai, à l'occasion duquel nous avons évoqué avec vos collaborateurs l'évolution de la mise en oeuvre du projet « appui à l'environnement francophone ».

Au stade actuel de la mise en oeuvre du projet, nous nous sommes convenus que la mise à disposition d'un local spécifique devenait essentielle. Il sera destiné, en tant que base arrière, à la gestion du projet dans sa globalité et plus prioritairement au traitement technique du livre. Quelques locaux ont d'ailleurs pu être identifiés par vos collaborateurs affectés à cette opération. Après la mise à disposition du local, il conviendra de l'équiper en fonction de son affectation. A cet effet un ordinateur et ses accessoires ont déjà fait l'objet d'une commande, les autres besoins seront étudiés dans les meilleurs délais.

Nous avons également évoqué avec vous les deux premiers sites en préparation (NYAMATA et GITARAMA) et le travail qui y est mené en collaboration avec les autorités locales.

J'ai noté l'intérêt que vous portiez au développement de la collaboration avec le Centre Culturel, particulièrement en ce qui concerne les échanges culturels et artistiques, tant à l'intérieur du pays qu'avec l'étranger. L'arrivée d'un assistant technique au service du projet ne pourra que renforcer le volume et la qualité de cet échange.

Je vous prie de bien croire, Monsieur le Secrétaire Général, en l'assurance de ma haute considération.

Daniel DERRIEN

CENTRE D'ÉCHANGES CULTU... RWANDA-FRANCE * KIGALI *
LE DIRECTEUR

Copie à Monsieur José GOHY,
Conseiller de Coopération et d'Action Culturelle
à l'Ambassade de France.

**CENTRE CULTUREL FRANÇAIS**

**IKIGO NDANGA MUCO CY'UBU FARANSA**

**B.P. 1333 Kigali - Rwanda    Téléphone : (250) 7 62 23  Télécopie : (250) 7 68 23**
**Courrier depuis l'étranger : p. a. Valise diplomatique - 128 bis rue de l'Université 75 351 Paris 07 SP**

**REPUBLIQUE RWANDAISE**
**MINISTERE DE LA JEUNESSE, DE LA CULTURE ET DES SPORTS**
**B.P. 1044 KIGALI**
**Tél : (250) 8 3525**
**Fax : (250) 8 3518.**

Kigali, le 1/6/99

N°..203.....5......./21.30

Monsieur Bernardin RUTAZIBWA
Chef de Division Folklore
**KIGALI**.

A traiter par ...........
Date entrée : 01/06/99
N° Classement : 881/01

**Objet** : Apprêter le nouveau Bureau de la D.C.A.

Monsieur,

Conformément à l'instruction de la hiérarchie, je viens par la présente demander votre concours pour apprêter le nouveau bureau de la Direction de la culture et des Arts.

Celui-ci sera en effet constitué par le bureau qui était jusqu'il y a peu occupé par le personnel du Programme d'Education à la Paix, pour lequel on attend toujours la phase 2.

Vous voudrez bien ranger les dossiers et le matériel du Programme dans la partie adjacente au bureau - un espace plus long que large - où les nouveaux occupants veilleront précieusement aux conditions et à l'état de conservation.

Vous voudriez bien par ailleurs remettre les clés à Théogène MUNYAZIKWIYE au plus tard mardi 1/6/1999. Celui-ci doit faciliter au Projet de Santé Reproductive des Adolescents, l'accès à l'ancien bureau de la Direction de la Culture et des Arts.

Vous souhaitant bonne réception de la présente, je vous prie d'agréer, l'expression de ma réelle considération.

**Jean MUKIMBIRI,**
**Directeur de la Culture et des Arts.**

MUKIMBIRI Jean
Directeur Culture & Arts
MIJESPOC/AFOP

**Copie pour information** :

- Monsieur le Ministre/MIJESPOC
- Monsieur le Secrétaire Général /MIJESPOC.